# IKINYAMAKURU INTWARARUMURI

Nyakanga – Nzeri 2025

Unity Club

*"Towards a common goal"*



*Bafatanyabikorwa, Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa byacu byo mu gihembwe cya mbere, gihera muri Nyakanga kugeza muri Nzeri, ari nacyo gitangira umwaka wa 2025-2026.

Ibikorwa tubamurikira muri iki Kinyamakuru gito cyacu **"Intwararumuri"** bishingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye ya Unity Club igamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza yabo, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.

# IBIRIMO


**01**
Inama ya komite nyobozi yaguye ya unity club ........ **04**

**02**
Ikiganiro ngarukagihembwe kuri Ndi Umunyarwanda mu mudugudu wa Taba ........ **04**

**03**
Gusakaza Ndi Umunyarwanda

3.1. Ikiganiro mu Itorero Intagamburuzwa

3.2.Ikiganiro n'Abakorerabushake ba Corps Africa

3.3.Amahugurwa y'abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bazarangiza ibihano hagati ya Nyakanga 2025 na Mutarama 2026 ........ **06**

**04**
ICDP Huye

4.1. Kuzana ibikorwa bihuza ababyeyi b'Intwaza n'abaturanyi

4.2. Kongerera ubushobozi bw'urugo rw'Impinganzima ........ **09**

**05**
Unity club yungutse abanyamuryango bashya ........ **10**

**06**
Intwararumuri bakomeje kwimakaza umuco w'imibanire myiza ........ **11**

**07**
Ibindi bikorwa byakozwe ........ **11**

**08**
Ibindi bikorwa byakozwe ........ **12**

## 01 INAMA YA KOMITE NYOBOZI YAGUYE YA UNITY CLUB

Komite Nyobozi yaguye ni urwego ruhuza abayobozi b'inzego zose za Unity Club, ruha umurongo ibikorwa byose bya Unity Club. Tariki 31 Nyakanga 2025, abagize uru rwego bahuriye mu nama yabereye mu cyumba cy'inama cya MINALOC. Iyo nama yayobowe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club. Hon Marie Solange KAYISIRE.

Muri iyo nama baganiriye ku bikorwa by'umuryango, bemeza Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025 n'ibiteganyijwe mu mwaka wa 2025-2026, mbere y'uko bigezwa mu nama y'Inteko Rusange y'abanyamuryango iteganyijwe mu ntangiriro z'ukwezi k'Ugushyingo 2025.



Abagize komite Nyobozi mu Nama yabahuje kuwa 31 Nyakanga 2025

## 02 URUBUGA RWA NDI UMUNYARWANDA KURI RBA

Ni ibiganiro ngarukakwezi kuri Ndi Umunyarwanda bitegurwa na Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE na RBA. Habaye ikiganiro mu gihe twizihizaga umuganura, cyagarutse ku nsanganyamatsiko:"Umuganura, Ubumwe n'Iterambere ry'Abanyarwanda". Umuganura ni kimwe mu bikorwa biha agaciro umuco wacu, bishimangira urugendo rwo kwigira, kwibohora no gukomera ku bumwe bwacu. Ikiganiro cyari gifite intego yo kugaragaza uruhare rw'Umuganura mu kwimakaza ubumwe n'iterambere ry'Abanyarwanda.

Cyagizwemo uruhare n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madamu Julienne UWACU, Amb. MASOZERA Robert, Intebe y'Inteko y'Umuco na Théogène GASIGWA, urubyiruko rwagizweho ingaruka n'amateka mabi yaranze u Rwanda, ariko rwiteje imbere kubera ubuyobozi bwiza bushyira umuturage ku isonga.








*"Ubumwe bw'Abanyarwanda bumaze kuba ubuzima. Uyu munsi Abanyarwanda bumva badaheranwe, bafite icyizere cyo kubaho, binyuranye n'uko kera byari bimeze kuko n'abagize ibyago aya mateka akabakomeretsa, akabaremerera, bikabagiraho ingaruka, ntibaheranwa kuko bafite Igihugu, bafite ubuyobozi bubumva...".*

*Umunyamabanga Nshingwabikora Julienne UWACU*



> *“Umuganura ni inkingi y’ubumwe no kwigira kubera imbaraga wifitemo zo guhuza abantu, bagasangira ibyagezweho ntawe uhejwe no kongera guhiga. ”.*

*Ambassador Robert  MASOZERA*



> *Igihugu cyambereye umubyeyi, nari umwana utazi inkomoko, kirantuza, kiranyigisha, ndakura, minuza mu ishuri ry’ubukerarugendo, nza gushinga “Ikigo Inzozi Tour”, kimbeshejeho kandi hari n’abandi nahaye akazi.*

*Théogène GASIGWA*

Link y’ikiganiro cyose: *https://youtu.be/UjyhLI_5CI0?si=MfDTqETmy32Vv7um*

## 03 GUSAKAZA NDI UMUNYARWANDA

Mu rugendo rwo gukomeza kubaka ubumwe, Unity Club yiyimeje gukomeza gusakaza Ndi Umunyarwanda ikaba ubuzima, akagenga ubwenge n’imitekerereze, ikaranga imikorere no kuzuza inshingano, bigahinduka ukubaho kwacu mu ntambwe dutera dushyize hamwe mu kubaka u Rwanda twifuza kuzaraga ababyiruka. Muri urwo rwego, hakozwe ibiganiro mu rubyiruko no mu bagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bazarangiza ibihano hagati ya Nyakanga 2025 na Mutarama 2026.

### 3.1. Ikiganiro mu Itorero Intagamburuzwa

Mu rwego rwo gukomeza kubakira ubushobozi urubyiruko, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club Madamu Julienne UWACU, ku itariki ya 01/09/2025 yagiranye ikiganiro n’urubyiruko rugera kuri 84 rwari mu Itorero Intagamburuzwa V rwaje kwiga muri Kaminuza ya “Rwanda Institute for Conservation Agriculture (RICA) mu Bugeseara mbere y’uko batangira amasomo (induction), cyari gifite insanganyamatsiko “*Amateka y’Itorero mu Rwanda n’uruhare rwayo mu kubaka umunyarwanda n’iterambere ry’Igihugu*”, anabaganiriza ku gukunda Igihugu, uko baba abayobozi beza ndetse n’indagagaciro zikwiye kubaranga.





*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club n’urubyiruko rwo muri RICA*

### 3.2. Ikiganiro n’Abakorerabushake ba Corps Africa

Mu rwego rwo gutegura urubyiruko rw’abakorerabushake 155 ba Corps Africa, ikaba n’umufatanyabikorwa wa  Unity Club mu Mushinga w’Iterambere Rikomatanyije (Integrated Community Development Project -ICDP) mu Karere ka Huye na Nyanza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club,  Madamu Julienne UWACU yabahaye ikiganiro cya Ndi Umunyarwanda, agaruka ku Indangagaciro z’umuco nyarwanda zigomba kubaranga zirimo ubumwe, gukunda Igihugu, gukunda umurimo n’ubupfura.



*Abakorerabushake ba CorpsAfrica*




*Abakorerabushake ba Corps Africa mu kiganiro*

### 3.3. Amahugurwa y'abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bazarangiza ibihano hagati ya Nyakanga 2025 na Mutarama 2026

Mu bufatanye na MINUBUMWE, mu rwego rwo gutegura abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorwe Abatutsi barihafi kurangiza ibihano kugirango bafashwe gusubira mu buzima busanzwe , Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madamu Julienne UWACU yatanze ikiganiro kuwa 8 Nzeri 2025 I Nyamasheke gifite insanganyamatsiko "Amateka y'Urwanda n'Amasomo tuvomamo".

Intego y'iki kaganiro ni ugutegura abagororwa gusubira mu buzima busanzwe nk'Abanyarwanda bafite agaciro, kubaha umwanya wo kwiyubaka no kubaka Igihugu cyacu, kubibutsa inyigisho zibafasha gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, kubakangurira kurwanya abagoreka amateka y'u Rwanda n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi no kubakangurira kuzagira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

- *Ndi Umunyarwanda igamije kuduha umwanya wo kuganira ku bibazo byacu, tukabishakira umuti*
- *Ndi umunyarwanda ni umusingi w'abo turi bo*
- *Ndi Umunyarwanda igamije guca ibitanya Abanyarwanda bihimbano*
- *Ndi Umunyarwanda kandi ni icyomoro, ni urubuga rufasha abana kutikorera umuzigo w'amateka y'ababyeyi batagizemo uruhare."Madamu Julienne UWACU.*



*Abagororwa mu kiganiro I Nyamasheke*



## 04 ICDP HUYE

### 4.1. Kuzana ibikorwa bihuza ababyeyi b'Intwaza n'abaturanyi

Nk'uko twabibatangarije mu kinyamakuru giheruka, mu bikorwa bizana ubusabane hagati y'ababyeyi n'abaturanyi babo, hubatswe ibikorwaremezo birimo, inzu mberabyombi n'ibibuga by'imikino y'intoki ya volley ball na basketball. Uyu munsi ibi bikorwa birimo gutanga umusaruro aho ababyeyi b'Intwaza n'abaturanyi babo baza kureba imikino y'urubyiruko, imyidagaduro n'ibiganiro bitandukanye. Ibi bishimisha ababyeyi ndetse n'urubyiriko.



*Ababyeyi bakurikiye imikino*



*Urubyiruko rukina Basket ball mu kibuga giherereye mu mudugudu wa Taba*



*Intore mu biruhuko*



*Abaturage bo mu mudugudu wa Taba mu Biganiro mu inzu mberabyombi*



*Abato mu mukoro Ngiro ( Intore mu Biruhuko)*



*Itorero urubyiruko rubyinira ababyeyi*

*Ibi bikorwa byose byateje imbere imibereho myiza, imibanire, ubusabane n'ubumwe hagati yabo.*

### 4.2. Kongerera ubushobozi bw'urugo rw'Impinganzima Kwagura palliative care unit ya Huye

Palliative care yubatswe mu mwaka wa 2021 mu Impinganzima ya Huye, uko imyaka igenda ishira, igenda iba nto kubera ubwiyongere bw'ababyeyi bageze mu izabukuru bakeneye ubuvuzi bwihariye, umushinga wo kuyagura waratangiye kandi urakomeje.



*Umushinga wo kwagura palliative care unit ya Huye*

## 05 UNITY CLUB YUNGUTSE ABANYAMURYANGO BASHYA

Kuwa 11 Kanama 2025, mu cyumba cy'inama cya MINUBUMWE, Komisiyo y"Ubusabane, Imibereho myiza n'Ubukangurambaga bw'abanyamuryango yakiriye abanyamuryango bashya 12 (abagore 6, abagabo 6).



- Joelle MURARA na Jean Guy Afrika KIWANUKA
- Dr. Bernadette ARAKWIYE na Felix NDAGIJIMANA
- Dr. Bellancile UZAYISENGA na Dr. Télésphore NDABAMENYE
- Françoise INGABIRE na Dominique HABIMANA
- Dr. Doris UWICYEZA Picard na Eric Picard
- Juliana MUGANZA na Arnold MUNIGA

Abanyamuryango bashya bishimiye kuba mu muryango mwiza wa Unity Club Intwararumuri kandi ko biteguye gufatanya n'abo baje basanga mu cyerekezo cya Unity Club.



## 06 INTWARARUMURI BAKOMEJE KWIMAKAZA UMUCO W'IMIBANIRE MYIZA

Mu rwego rwo gukomeza kwimakaza umuco w'imibaniremyiza, Intwararumuri bifatanya n'abanyamuryango mu byiza cyangwa mu byago.



Bamwe mu banyamuryango basuye Intwararumuri yagize Ibyago

## 07 IBINDIBIKORWA BYAKOZWE

- Kuvugurura Inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda mu bufatanye na MINUBUMWE
- Kuvugurura Website ya Unity Club Home - www.unity-club.rw
- Hakozwe fiime mbarankuru igaragaza ibyagezweho mu Mushinga w'Iterambere Rikomatanyije (Integrated Community Development Project -ICDP) mu Karere ka Huye
- Inama ngarukagihemwe za Sukomisiyo.

# 08 IBINDIBIKORWA BYAKOZWE

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo. Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa birimo:

- Inama y'Inteko Rusange n'Umwiherero w'abanyamuryango
- Ihuriro ngarukamwaka rya 18
- Kwakira no gushimira abafayanyabikorwa
- Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA
- Ukwezi kwahariwe kuzirikana k'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda
- Kwifatanya n'Ababyeyi b'Intwaza kwizihiza iminsi mikuru ya Noheli n'Ubunani
- Gukomeza ibikorwa byo kwagura palliative care ya Huye.

Umuryango Unity Club urashimira abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bawo bagize uruhare muri ibi bikorwa; uzakomeza ubufatanye n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta n'izigenga kugirango ugere ku ntego wihaye. Ni urugendo rugikomeza kandi ruzageza Umuryango kuri byinshi.



## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

@UnityClubRw

www.unity-club.rw